

IKIGO:**UKORA UBUSHAKASHATSI W'IBANZE:****NOMERO Y'UBUSHAKASHATSI:****UMUTWE W'UBUSHAKASHATSI:**

Uri gusabwa kwitabira ubushakashatsi. Mbere yo kwemera, ugomba kubanza guhabwa incamake y'ubushakashatsi. Iyi ncamake igomba kuba irimo amakuru y'ingenzi yagufasha gusobanukirwa impamvu ushobora cyangwa udashobora kuba wifuza kwitabira ubu bushakashatsi.

Kujya muri ubu bushakashatsi ni ubushake kandi ntuzahanwa cyangwa ngo ubure ibyo ugenerwa igihe wanze kujya mu bushakashatsi cyangwa uhisemo kubihagarika.

Nyuma yo kuguha incamake, itsinda ryo mu bushakashatsi riguha andi makuru yerekeye ubushakashatsi agomba kuba arimo:

- 1) icyo ubushakashatsi bugamije, uko buzakorwa n'igihe buzamara;
- 2) imivurire iyo ari yo yose iri gukorwaho ubushakashatsi;
- 3) ibyago byitezwe mu buryo bushyize mu gaciro, ukutamerwa neza n'ibyo wakungukira mu bushakashatsi;
- 4) ibyiza bishobora guturuka mu mivurire ikozwe mu bundi buryo; ndetse
- 5) Uko bigirwa ibanga.

Aho bishoboka, itsinda ryo mu bushakashatsi rinakubwira ibyerekeranye n':

- 1) igihembo gihari cyangwa ubuvuzi wahabwa uramutse ukomeretse;
- 2) kuba hashobora kubaho ibyago bitateganyijwe;
- 3) ibihe bishobora kuba ngombwa ko ukora ubushakashatsi ashobora guhagarika uko ubwitabira;
- 4) ikindi kiguzi cyose ushobora kwishyura;
- 5) uko bigenda iyo uhisemo guhagarika kwitabira ubushakashatsi;
- 6) igihe uzabasha kubwirwa ibyerekeranye n'ibyavuye mu bushakashatsi bishya bishobora kugira icyo bihindura mu bushake bwawe bwo kubwitabira;
- 7) abantu bitabiriye ubushakashatsi;
- 8) uko ibipimo byo mu rwego rw'ibinyabuzima byawe bikoreshwa mu kuzana inyungu z'ubucuzuri;
- 9) niba uzabwirwa ibyerekeye ibyavuye mu bushakashatsi;
- 10) niba ubushakashatsi bushobora kuba burimo gukurikiranya jenome; kandi
- 11) uko ibipimo byo mu rwego rw'ibinyabuzima byawe bikoreshwa mu nyungu z'ubucuzuri.
- 12) Ku bushakashatsi mu buvuzi: Igisobanuro cy'ubu bushakashatsi mu buvuzi kiboneka kuri <https://www.clinicaltrials.gov>, nk'uko bisabwa n'Itegeko rya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Uru rubuga ntiruzaba ruriho amakuru yatuma ushobora kumenyekana. Urubuga ruzaba ahanini rurimo incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi. Ushobora gushakisha kuri uru rubuga igihe cyose.

Kandi, igisobanuro cy'ubu bushakashatsi bwo mu buvuzi gishobora kuboneka kuri <https://www.clinicaltrials.gov> hubahirijwe Amabwiriza ya NIH.

Iyo wemeye kwitabira, ugomba guhabwa kopi iriho umukono n'inwandiko y'incamake y'ubushakashatsi.

Ushobora guhamagara (*name*) _____ kuri (*phone number*) _____ igihe cyose ubaye ufite ikibazo cyerekeye ubushakashatsi.

Ushobora guhamagara (*name*) _____ kuri (*phone number*) _____ ubaye ufite ikibazo cyerekeye uburenganzira bwawe nk'uwitabiriye ubushakashatsi cyangwa icyo wakora uramutse ukomeretse.

Gushyira umukono kuri iyi nyandiko bisobanuye ko ubushakashatsi, harimo n'amakuru yavuzwe haruguru wabisobanuriwe mu magambo kandi ukaba wemeye kubwitabira ku bushake.

Umukono w'Uwitabiriye ubushakashatsi

Izina mu nyuguti nkuru
ry'Uwitabiriye ubushakashatsi

Itariki

Umukono w'umutangabuhamya*

Izina ry'umutangabuhamya
mu nyuguti nkuru

Itariki

***IGICECY'ABO MU BUYOBOZI BWA NIH KIGOMBA KUZUZWA KU BYEREKERANYE
NO GUKORESHA UMUSEMUZI:**

_____ Umusemuzi cyangwa undi muntu uvuga icyongereza ndetse n'ururimi uwitabiriye ubushakashatsi akunda wamufashije kumuha amakuru kugira ngo atange uburenganzira yahawe amakuru akaba n'umutangabuhamya. Ukora ubushakashatsi wahawe uburenganzira ntashobora kuba umutangabuhamya.

_____ Umusemuzi cyangwa undi muntu uvuga icyongereza ndetse n'ururimi uwitabiriye ubushakashatsi akunda bafashije wamufashije kumuha amakuru kugira ngo atange uburenganzira yahawe amakuru ariko akaba atabaye umutangabuhamya. Izina cyangwa numero iranga umuntu watanze serivisi z'ubusemuzi ni: _____.